



COMMUNITY RESOURCE CENTRE PROJEC

Intangiriro

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo kibangamiye isi yose. Rigira uruhare runini mu kudindiza imibereho y'abantu bishingiye cyane ku iterambere, imibanire ndetse n'ubukungu. Ni muri urwo rwego umushinga watangijwe muri Werurwe 2014, ukora ibikorwa by'ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abagabo babigizemo uruhare. Ibi bizatuma abagabo bagira uruhare mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryibasira cyane cyane abagore, mu kubongerera ubushobozi n'uruhare rwabo mu ngo no mu muryango mugari;

abarikorewe nabo bahabwe ubujyanama mu kigo cy'urubyiruko.

Intego nkuru z'umushinga

- Gukumira ihohoterwa rikorerwa abagore
- Gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona ku buryo bworoshye ubufasha bw'ubujyanama mu ihungabana
- Kwifashisha urubyiruko n'abashakanye bahuguwe nk'intangarugero mu kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina binyuze mu bukangurambaga

Aho umushinga ukorera

Umushinga ukorera mu Karere ka Bugesera mu mirengi uko ari 15.

Ibigamijwe kugerwaho muri uyu mushinga

1. Kubaka ingo z'amahoro hifashishijwe ibikorwa by'ubujyanama buhabwa abashakanye
2. Guha abagabo n'abagore amakuru yuzuye ku burungirwa bityo bakongererwa ubushobozi mu gukumira

ihohoterwa rishingiye ku gitsina

3. Gufasha no guha ubujyanama abagore bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina
4. Kongerera ubumenyi n'ubushobozi urubyiruko mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, no kubatoza imyitwarire ijyanye n'ingengamatwara nziza za kigabo

Ibikorwa by'ingenzi



- Gutanga amahugurwa atandukanye ku bagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa kubijyanye no guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Gutanga ubujyanama ku bashakanye n'abandi bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku

gitsina ndetse n'abashobora guhura naryo

- Gukora ibikorwa by'ubukangurambaga mu karere kose hatangwa ubutumwa bwo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no kurandura burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ibiteganyijwe kugerwaho

- Imibanire y'abashakanye izatera imbere, ibi bizagabanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo
- Ab'igitsina gore bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bazahabwa ubufasha bushingiye ku bujyanama
- Abagore n'abagabo bazagira ubumenyi ku itegeko ry'umuryango basobanukirwe n'imwitwarire ikwiriye ku bitsina byombi ntawunanije undi bityo bose bafatanye mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Urubyiruko ruzagira ubumenyi buhagije ku bibazo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritera haba mu

iterambere, imibanire y'abantu ndetse no mu bukungu, babe aba mbere kurirwanya babera bagenzi babo intanga rugero

Waba warakorewe ibikorwa by'ihohoterwa? Waba uzi umuntu wahohotewe?

Tugane mu kigo cy'urubyiruko cya Bugesera tugufashe, cyangwa duhamagare kuri telefoni igendanwa **0788619052, 0788848516**

RWAMREC NI IKI?

RWAMREC (Rwanda Men's Resource Centre mu magambo arambuye y'Icyongereza) ni umuryango w'Abagabo baharanira iterambere ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo binyuze mu guteza imbere imyumvire n'imwitwarire byiza bya kigabo, mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Indangagaciro zacu

- Imiterere kamere y'abagabo ni urukundo, kwita ku bantu no kumva ibibazo byabo,

ashobora kugira impuhwe no kudahohotera

- Abagabo bakomeye ntibakenera kubabaza cyangwa kunyega abandi
- Abagabo nyabo ntibatinya uburinganire, ntibahohotera, ntibangiza kandi ntibikubira uburyo bwo gukemura ibibazo n'amakimbirane

Abafatanyabikorwa



Aho Tubarizwa



Rwanda Men's Resource Centre (RWAMREC)

P.O. Box 5768, Kigali, Rwanda –
REMERA-KISIMENTI

YYUSSA Building, 2nd Floor

E-mail: info@rwamrec.org

Website: www.rwamrec.org